NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

**Ikinyarwanda**

**T200**

**Kuwa gatatu, 21/7/2021**

**2:00 – 5:00 PM**

Names:..............................................

Index number:..............................................

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA INYIGISHO Z'AMASOMO Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO URWEGO RWA 5, 2020-2021

## IKAYI Y'IBIBAZO N'IBISUBIZO

AMASHAMI : "Crop Production (CPR), Food Processing (FOP); Forestry (FOR); Animal Health (ANH); Tailoring (TAL); Carpentry (CAP); Masonry (MAS); Industrial Electricity (IEL); Culinary Arts (CUA); Networking (NET); Customs and Tax Operations (CTO); Computer Applications and Multimedia (MLM); Electronic Services (ELS); Food and Beverage Services (FBS); Hydropower Energy (HPE); Interior Design (IND); Football (FOB); Land Surveying (LSV); Plumbing (PLB); Mechanical Production Technology (MPT); Road Construction (RCT); Solar Energy (SEN); Telecommunication (TEL); Tourism (TRS); Welding (WEL); Accounting (ACC); Business Services (BUS); Automobile Electricity and Electronics System (AES); Automobile Transmission and Control Systems (ATC); Software Development (SOD) Graphic Art (ART); Sculpture & Ceramics (SCE); Office Management (OFM)".

ISOMO : **IKINYARWANDA**

UMWAKA W'AMASHURI: **2020-2021**

Read carefully the instructions on page (i) & (ii).

**FOR EXAMINER'S USE ONLY**

| **QUESTIONS** | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 | Total |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Marks** | | | | | | | | | | | |

| **QUESTIONS** | 11 | 12 | 13 | 14 | 15 | 16 | 17 | 18 | 19 | 20 | Total |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Marks** | | | | | | | | | | | |

| **QUESTIONS** | 21 | 22 | 23 | 24 | 25 | 26 | 27 | 28 | 29 | 30 | Total |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Marks** | | | | | | | | | | | |

[redacted]

# TVET NATIONAL EXAMINATION, RTQF LEVEL 5, 2020-2021

## INSTRUCTIONS TO CANDIDATES: PART I (Answer Booklet)

1. A candidate should fill in the actual names and the index number on the cover of this questions and answer booklet on the provided place (Black Box).
2. It is illegal for a candidate to write any of his/her names, index number or a school name inside the answer booklet.
3. A candidate should check if all pages of the answer booklet are complete. No candidate should remove or tear any pages or part of it from the answer booklet.
4. A candidate should answer in the language in which the examination is set. (See page ***(ii)***)
5. A candidate should sign on the sitting plan when submitting the answer booklet. He/she has also to check if the answer booklet is well sealed.
6. No extra paper is allowed in the examinations room. If a candidate is caught with it his/her results will be nullified.
7. No candidate is allowed to write answers not related to the subject being sat for, otherwise it will be considered as a cheating case.
8. Write your answers on the 12 lined pages (From page 1 of 12 to page 12 of 12).
9. Use the last non-lined pages as draft.
10. Results for any candidate who is caught in examination malpractices are nullified. The cheating can be recognized during examinations administration, marking exercise or even thereafter.

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA INYIGISHO Z'AMASOMO Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO URWEGO RWA 5, 2020-2021**

**ISOMO: IKINYARWANDA**

**IGIHE: AMASAHA ATATU (3)**

**AMABWIRIZA:**

**Ikizamini kigizwe n'ibice bitatu:**

**Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko** **(amanota 20)**

**Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo n'ubumenyi rusange** **(amanota 60)**

**Igice cya gatatu: Ihangamwandiko** **(amanota 20)**

Tugeze mu gihe guhanahana amakuru byihuta cyane kubera ikoranabuhanga. Aho hadukiye itumanaho rya interineti bwo byabaye agahebuzo rwose. Iryo koranabuhanga rigenda rizana impinduka zikomeye mu bijyanye n'umuco, mu bukungu no muri poritiki ku buryo bukomeye. Abantu babona amakuru ku buryo bwihuse, ari mu bijyanye n'umuco w'ahandi, bakamenya ibihakorerwa, bagashobora gutumiza no kohereza ibicuruzwa. Uburyo bw'imiyoborere, imigenderanire n'imibanire hagati y'ibihugu n'abanegihugu na bwo bugenda burushaho kwiyongera. Muri make dusa n'aho twerekeza ku gihugu kimwe mu isi yose: ibibera ikantarange turabimenya, tukabireba imbonankubone kandi natwe ibibera iwacu ntibikiri ibanga ku batuye iyo bigwa.

Ni ngombwa rero ko habaho impinduka no mu myigire n'imyigishirize, kugira ngo abarezi n'abarerwa bajyane n'igihe tugezemo. Impamvu ni uko abanyeshuri bo muri iki gihe, bahura n'ibikoresho by'ikoranabuhanga mu buzima bwabo bwa buri munsi. Kubera imbuga za interineti, bashobora kubona amakuru menshi, bakanabona ibintu byinshi bakuramo ubumenyi.

Nyamara abanyeshuri bagomba kumenya gukoresha neza ikoranabuhanga ari ku ishuri ari no mu rugo, kugira ngo baribyaze umusaruro ukwiye. Bitabaye ibyo, ikoranabuhanga ryahinduka ikintu kirangaza abanyeshuri aho kubafasha. Ibibera i Burayi, muri Amerika n'ahandi, byose dushobora kubisanga kuri interineti. Ari ibifite akamaro, ibiteye isoni, ibyiza n'ibibi, byose tubisanga kuri izo mbuga, maze abazikoresha bakijonjorera.

Kugira ngo ukoreshe interineti neza, ni ngombwa kuba uzi icyo ushaka, hanyuma ukamenya guhitamo amakuru agufitiye akamaro mu bintu byinshi interineti ikwereka. Ukoresha interineti ikamwungura ubwenge, ni uzi neza icyo akeneye gushakaho, hanyuma agafata n'igihe cyo gusesengura no gusoma mu mutuzo ibyo abona. Agomba kandi kuba ari umuntu utarangarira mu bindi, agakurikirana gusa ibyo agamije kugeraho. Bitabaye ibyo, interineti ihinduka ikintu kibi kiyobya urubyiruko aho kubafasha, ikababera nk'ikiyobyabwenge aho kubabera isoko y'ubumenyi n'ubwenge.

Gukoresha impapuro no gusoma ibitabo biracyafite umwanya ukomeye ku muntu ushaka kwiga by'ukuri. Ni ngombwa rero gushaka ingamba zatuma abanyeshuri biga neza babifashijwemo n'ikoranabuhanga aho kugira ngo ribarangaze.

12. Garagaza intego (uturemajambo) n'amategeko y'igenamajwi ku magambo aciyeho akarongo. **(amanota 12)**
    a. Si byiza ko uhagera kare.
    b. N'amasoni menshi, Muhire aseka yubitse umutwe.
    c. Bakajya banyuzamo agatwenge.
    d. Abanza kwanga bitewe n'ishyushyu yari afite.
    e. Yumvise ko bagiye ku kigo kimwe yicinya icyara.
    f. Usigaye uhinduranya abakobwa nk'uhinduranya imyenda.

Subiza wifashishije iyi mbonerahamwe.

| Amagambo | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| | | |
| | | |
| | | |
| | | |
| | | |
| | | |

13. Vuga nibura Uturango dutanu (5) tw'inkuru ishushanyije. **(amanota 5)**
14. Kosora interuro zikurikira wubahiriza amategeko y'imyandikire. **(amanota 5)**
    a. Kubaha suguceceka nukurangwa n'ikinyabupfura.
    b. Kuki wirirwa mwishyamba nkaho utagira ahuba?
15. Utu twatuzo turi mu dukubo (« ») **(amanota 7)**
    a. Twitwa ngo iki?
    b. Vuga ahantu habiri dukoreshwa utange n'ingero.
16. Simbuza amagambo aciyeho umurongo imvugo ikwiye. **(amanota 5)**
    a. Zirika iyo mbwa itagira uwo ihohotera.
    b. Muhorakeye agiye kugura igisabo.
    c. Intore zihamiriza zambaye inzogera.
    d. Icyo gihe umwami yari yicaye.
    e. Umutwe w'imfubyi watanze uw'umusaza kumera umusatsi w'umweru.
17. Subiza ibi bibazo by'ubuvanganzo. **(amanota 10)**
    a. Ubworozi bw'inzuki bwitwa ngo iki? Ni iyihe ngeri y'ubuvanganzo yagendanaga na bwo?
    b. Umwuga wo gucura ibikoresho gakondo by'ibyuma witwa ngo iki?
    c. Sobanura amagambo akurikira:
        - Amahigi
        - Amasare
18. Iyo witegereje aho wiga cyangwa aho ukorera ushobora kuba warabonye abantu bagiranye amakimbirane. Vuga nibura ibintu bibiri bishobora gutera amakimbirane unagaragaze uburyo wakoresha mu gukemura ayo makimbirane. **(amanota 6)**

**IGICE CYA GATATU: Ihangamwandiko** **(amanota 20)**

19. Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira, uyiramburemo umwandiko muremure ufite imirongo 25.
    a. Ikoranabuhanga no guhanga udushya ni imbarutso y'ubukungu n'iterambere mu mashuri y'imyuga.
    b. Uburere buruta ubuvuke.

NESA2021